URUGENDO NYOBOKAMANA RWA PARUWASI

BUSASAMANA KURI PARUWASI KATEDRALI YA NYUNDO

Ku wa gatandatu tariki 23/01/2016, abakristu ba paruwasi Busasamana bakoze urugendo rutagatifu kuri Katedrali ya Nyundo bagiye kwinjira mu Rugi Rutagatifu nk'uko biteganijwe muri uyu mwaka wa Yubile idasanzwe y'Impuhwe z'Imana.

Ni muri urwo rwego Abasaseridoti bakorera ubutumwa muri iyo paruwasi bari kumwe n'Abihayimana baba muri iyo Paruwasi ndetse n'imbaga nini y'Abakristu bitabiriye urwo rugendo.

Bageze ku kibuga cya Nyundo bakoze umutambagiro bagana kuri Katedrali bazirikana Impuhwe z'Imana mu ndirimbo n'amasengesho. Bamaze kwinjira mu Rugi Rutagatifu batuye Igitambo cya Misa cyayobowe na Padiri Gaspard KANZIRA, Padiri mukuru wa Paruwasi Katedrali ya Nyundo.

Bazirikanye ku nyigisho ibafasha kumva neza Impuhwe z'Imana mu buzima bwabo; bashishikarijwe kwakira Impuhwe z'Imana no kuzigaragaza mu buzima bwabo bwa buri munsi kuko isi ikeneye Impuhwe z'Imana kugira ngo ibeho.

Bamaze guhabwa Yezu mu Ukaristiya bahawe umugisha bataha banezerewe banishimira ingabire zisendereye z'uyu mwaka w'Impuhwe bahawe.